# Ministre Gashumba avuga ko ntawe ukwiye gutinda ku mafaranga azagenda kuri 'drones'

Yanditswe na Jean Claude Ndayishimye 18/10/2016

http://izubarirashe.rw



*Minisitiri w'Ubuzima Dr Diane Gashumba aganira n'umunyamakuru (Ifoto/Perezidansi)*

Mu cyumweru gishize Perezida Kagame yafunguye ku mugaragaro umushinga w'utudege tutagira abapilote tuzifashishwa mu bikorwa by'ubuvuzi, aho ku ikubitiro tuzajya tujyana amaraso ku bitaro 21 mu Rwanda.

Ni umushinga Guverinoma y'u Rwanda ivuga ko ifatanyije n'ikigo Zipline cyo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika.

Mu kiganiro Minisitiri w'Ubuzima, Dr Diane Gashumba na Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga Nsengimana Jean Philbert bagiranye n'itangazamakuru ubwo hari hamaze gufungurwa uyu mushinga, aba baminisitiri birinze kugaragaza amafaranga Leta y'u Rwanda izatanga kuri uyu mushinga.

Abanyamakuru banababajije igiciro cy'urugendo rumwe igihe akadege kamwe kazajya kaba kajyanye amaraso ariko aba baminisitiri ntibigeze babikomozaho.

Minisitiri Gashumba yagize ati "Mwabonye ko turi mu igerageza turacyari kuvugana na bo, tureba ibitaro 21, ese bizatwara angahe, ese ni iki kigiye kugabanuka ku byo twakoraga, kugira ngo turebe ni ibiki twakoraga tugiye kugabanya, ni iyihe ngengo y'imari tugiye gushyira muri ibi? Twari turi mu igerageza kandi turacyari kuvugana na bo kandi ntaho bagiye kugira ngo tugene amafaranga ariko icyo tubonamo ni uko ari inyungu, ni inyungu ikomeye ku buzima bw'abarwayi ntabwo tubitwara mu buryo bw'amafaranga cyane."

Minisitiri Gashumba avuga ko uyu mushinga ari uwa Leta, aho ibirebana na wo byose ari yo izabikora.

Uretse kuba nta mafaranga agaragazwa, Minisitiri Gashumba yanabajijwe mbere yo gutekereza uyu mushinga niba hari ikibazo cy'amaraso yaburaga mu bitaro n'umubare w'abayabuze.

Dr Gashumba yagize ati "Nta Munyarwanda wapfaga kubera kubura amaraso kuko nk'uko mubizi RBC n'ishami rishinzwe ibyerekeranye n'amaraso bafite amashami atanu mu gihugu ku buryo nta mibare dufite y'abantu bapfa kuko baburaga amaraso. Iryo shami rikora neza, ahubwo icyo tugomba kureba ni ukuvuga ngo ducunguje uburyo umwete tuvuye ku masaha abiri kugera ku miniota 15."

Utu tudege ngo tuzafasha u Rwanda mu guhangana n'ikibazo cyagaragaye, aho ngo abarwayi batindaga guhabwa imiti cyangwa ubundi bufasha butandukanye.

Dr Gashumba anavuga ko abantu badakwiye kwibaza cyane ku mafaranga, ahubwo bakwiye kureba inyungu z'ubuzima bw'abarwayi.

Jean Philbert Nsengimana uyobora MYICT yatangaje ko usibye mu buzima, hari gukorwa ubushakashatsi ngo harebwe niba hari n'ahandi utu tudege dukeneye gukoreshwa.

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi iherutse gutangaza ko na yo ikeneye gukoresha drones mu ikusanyamakuru rigamije guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda.

## **MINAGRI na yo irifuza kwifashisha 'drones' mu buhinzi.**

Yanditswe na Richard Irakoze 23/09/2016



*Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Geraldine Mukeshimana*

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) na yo irifuza gutangira kwifashisha indege nto zitagira abapilote (drones) mu guteza imbere urwego rw'ubuhinzi mu Rwanda.

Ubusanzwe drones zazanwe zikoreshwa mu gutwara amaraso mu rwego rw'ubuvuzi; ariko MINAGRI yo irashaka drones zo kwifashisha mu rwego rw'ikusanyamakuru mu buhinzi n'ubworozi.

Minisiteri Dr. Geraldine Mukeshimana asobanura ko ikoreshwa ry'izi ndege za drones mu buhinzi buzaba ari uburyo bushya bwo kurushaho gukoresha ikorabanuhanga mu guteza imbere uru rwego.

Asobanura ko niziramuka zitangiye gukoreshwa zizifashishwa mu **kureba uko ubutaka bumeze, kureba uko indwara zimeze mu myaka,** ndetse zikabasha gutanga n'andi makuru agaragaza uko umusaruro uzagenda.

Agira ati "Ibyo byose ni ibintu bishobora gukoreshwa ikoranabuhanga kugira ngo ubuhinzi burusheho gutera imbere."

Ubu buryo bushya bwo gukoresha izi ndege za drones muri gahunda z'ubuhinzi n'ubworozi bukubiye mu ngamba nshya ziheruka kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, yateranye kuwa 13 Nzeri 2016.

Iri koranabuhanga rishya rizagendana na gahunda ya '**Twigire Muhinzi'**, gahunda yo guha abahinzi inyongeramusaruro, hagendewe ku **kureba ubuso** bw'imirima yabo hifashishijwe gusa ikoranabuhanga rya telefone zigendanwa.

Aha Minisitiri Mukeshimana anashimangira ko iri koranabuhanga nirihuzwa bizoroshya gahunda nyinshi z'ibarura no mu rwego rw'ubworozi.

Atanga urugero agira ati "Nko mu bworozi, mubona y'uko nk'inka nyinshi zigira amaherena n'ibindi biziranga nk'amaherena na zo kugira ngo umubare w'inka zose zihari umenyekane, hamenyekane uko zibayeho, uko ziterwa intanga, ibyo zirya, aho ziri n'ibindi kugira ngo nabyo bibe bizwi."

Aya makuru azajya atangwa no mu bucuruzi harusheho kwizerwa ubuziranenge bw'ibiribwa, aho ibiribwa bizajya bigaragaza aho byaturutse cyangwa se inyama zagurishijwe hakamenyekana itungo zavuyeho.

**JK :** Aka ni akumiro, abategetsi b'u Rwanda bagomba kuba batakimenya **Isi** batuyeho .

- Abanyarwanda balicwa n'inzara bakabashakira drones zo gupima umusaruro wibyo batahinze!!
- Abanyarwanda ntibakigira aho bahinga bakabazanira drones ngo zo gupima ubuso bw'amasambu batagira!!